

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME
UMUYOBOZI WA UNITY CLUB
MU GIKORWA CYA NOHELI Y'ABANA, KWAKIRA ABANA MU
MURYANGO
NO KUREMERA ABANA BAKUZE BUBAKIWE AMAZU 20 NA
UNITY CLUB
Rubavu, 13 Ukuboza 2013**

Ba Nyakubahwa ba Ministres,
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi,
Nyakubahwa Munyamabanga Nshingwabikorwa mu Ntara
y'Uburengerazuba,
Ba Nyakubahwa muhagarariye ingabo na Police,
Nyakubahwa Uhagarariye UNICEF mu Rwanda,
Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,
Bana bacu,
Bavandimwe, Baturage b'Akarere ka Rubavu,

Mbanje kubaramutsa mwese, mugire amahoro y'Imana.

Nk'uko bisanzwe buri mwaka, umuryango Unity Club Intwararumuri wifatanya n'abana kwizihiza Noheli. Ari ababana n'ababyeyi babo, ndetse n'imfubyi zaba zirererwa mu miryango cyangwa abakiri mu bigo, twifuza kubegera ngo tubereke ko tubatekereza nk'ababyeyi.

Bana bacu,

Ibihe nk'ibi by'ibyishimo bya Noheli n'Ubunani, bitwibutsa umuco mwiza wamye uranga Abanyarwanda wo guhura no gusangira byose na bose, kandi n'ubu tukaba tuwushyigikiye. Cyane cyane tuzirikana abanyanteye nke n'abadafite kirengera, badafite amahirwe yo kubona abo bishimana uko bikwiye kubera impamvu zitandukanye cyangwa ubuzima bihariye.

Twazindutse nk'ababyeyi rero kandi tubasanze nk'abana bacu, abana b'Abanyarwanda, kuko dufite twese inshingano yo kurera no kubayobora inzira

igana ah'eza... Ni inshingano duhabwa n'Imana ariko na none ikaba n'inshingano duhabwa n'Igihugu.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti: ***“Turemere abana, tubahe urukundo n'umuryango”***.

Gahunda yo kwizihiza Noheli y'uyu mwaka ni gahunda y'impurirane. Ikaba yahuje ibikorwa bitatu, ari byo: gusangira n'abana Noheli; gushyikiriza abana imiryango yiyemeje kubakira kugira ngo nabo barererwe mu miryango; ndetse no kuremera abana bakuru bagatangira ubuzima bwabo bari hanze ya Orphelinat.

Nk'uko mubizi, mu mwaka ushize wa 2012, Leta y'u Rwanda yiyemeje gutangiza gahunda yo gukura abana mu bigo by'imfubyi ihamagarira buri wese ko abo bana basubizwa mu miryango ku bayifite, abatayifite nabo hakagira imiryango ibakira.

Ibyo bigamije gutuma uburere bw'abana bacu, burushaho kwitabwaho, bagakurira mu rukundo rw'umuryango, bagatozwa indangagaciro z'umuco nyarwanda hakiri kare, bagatozwa kwigira, n'ibindi byose bibafasha gutegura ejo hazaza habereye umwana w'Umunyarwanda. Iyo gahunda kandi igamije kongera kwibutsa ababyeyi inshingano zo kurera aho kubiharira ibigo by'imfubyi. Ni muri urwo rwego Unity Club ifatanyije na Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Abana, yatanze umusanzu muri icyo gikorwa, uyu muni tukaba twishimiye ko abana 60 barerererwaga muri Orphelinat Noel de Nyundo bashyikirijwe ababyeyi.

Tukaba tuboneyeho n'umwanya wo gushimira aba babyeyi bafite umutima wagutse wuzuye ubumuntu, bakaba bemeye kwagura imiryango yabo, bakira abo bana. Mu Kinyarwanda twese tuzi ko ***‘uburere buruta ubuvuke’***; kurera bisaba urukundo n'ubwitange, bisaba kwigomwa byinshi no kuzirikana ejo heza hazaza h'uwo mwana.

Bana namwe mwasubijwe mu miryango uyu muni, mwumve ko aba babyeyi ari abanyu, maze namwe mukunde mubabere abana. Mwahawe uburere bwiza n'ubuyobozi bwa Diyoseze ya Nyundo, nkaba nongeye kubashima, cyane cyane mama wanyu **Nyirabagesera Athanasia** wabitangiye amanywa n'ijoro, akaba abagejeje aho bamwe muri mwe bashobora kwitunga. Ni fondation nziza kandi ikomeye mwabonye ntimuzayipfusha ubusa. Umuco mwiza yabatoje uzakomeze kubaranga.

Turashimira n'abandi bose bashyizeho ibigo nk'ibi kuko byafashije leta mu gihe kitari cyoroshye. Tunizera ko ibi bigo bizakomeza gufasha, kumvikanisha iyi gahunda yo gusubiza abana mu miryango. Turongera kwibutsa no gukangurira ababyeyi n'abafatanyabikorwa mwese kumva neza ko iyi gahunda igamije kurengera abana mbere na mbere.

Abana bakiri muri za Orphelinats hirya no hino mu Rwanda nabo bazakomeza gushakirwa imiryango, yaba iyabo bakomokamo, yaba n'iy'ababyeyi b'impuhwe twita ba "Malayika Murinzi" kugira ngo na bo bazashyikirizwe imiryango yo kubarera. Gahunda izakomeza gukoranwa ubwitonzi n'ubushishozi tubifashijwemo n'inzobere zabyigiye, kugira ngo inyungu z'umwana zitabweho, ahabwe uburenganzira bwose, kandi hamwe n'umuryango wamwakiriye, barategurwa ndetse bakanahabwa inama zikwiye.

Dukomeze duhuze imbaraga, tugamije cyane cyane gukumira ko abana bakomeza kujyanwa mu bigo by'imfubyi. Imiryango ikangurirwe gusubirana umuco wo kurerera umuvandimwe cyangwa incuti itabarutse, ni ibintu dukwiye kwiyemeza kandi tukabigeraho. Na none ntitwavuga ikumira ry'abana barererwa mu bigo by'imfubyi tutavuze ko n'ababyeyi bakwiye kubyara kuri gahunda, hirindwa gukomeza kugira abana batereranwa bagakenera kujyanwa muri ibyo bigo.

Igikorwa cya gatatu muri iyi gahunda ni ukuremera abana bakuru bagatangira ubuzima bwabo bari hanze ya Orphelinat. Muzi ko twaje hano tuvuye gutaha ku mugaragaro amazu 20 mu Murenge wa Rubavu, ku musozi wa Kanembwe.

Ni umunani twiyemeje guha aba bana bacu, bari bamaze gukurira muri Orphelinat Noel de Nyundo, tukaba twarahereye ku bana barengeje imyaka 18 batagira imiryango, ndetse bahuye n'ibibazo biremereye kurusha abandi.

Ayo mazu twatashye none, navuga ko atari ugutaha inyubako gusa. Ni igihango aba bana bayatujwe bagiranye n'umuryango wa Unity Club; turabasaba kuzayafata neza, mukirinda ko uwo ari we wese wabashuka agamije kuyabatwara. Muzakomeze kandi kwitwara neza nkuko mwabitojwe n'umubyeyi wanyu.

Bana bacu, iyi ni intambwe ikomeye muteye nk'abanyarwanda. Mugiye guhindura ubuzima, kuko ubu mugiyeye kwigenga, birasaba kugira 'discipline', kugira gahunda mu byo mukora byose. Muzakomeze muhuze ingufu, mubane kivandimwe, nimwihesha agaciro, muzaba mugahesheje n'igihugu cyanyu. Tubifurije kuzarangwa n'ubupfura n'ubunyangamugayo.

Muzirinde kandi gutatira iki gihango, muzabane neza, mufashanye hagati yanyu ndetse n'abaturanyi banyu, murangwe n'umuco wo koroherana. Muzaharanire kugira ishyamba ryo kwiteza imbere mu ngo zanyu. Muzimike kandi umuco wo guhanana, mubwizanya ukuri. Umudugudu wanyu uzahore ubarizwa mu ibyiza gusa, muzaba mwihesheje ishema ndetse murihesheje abatwemye mugera kuri iyi ntambwe. Ibi nimubigeraho muzaba mufunguriye inzira barumuna banyu kuko muzaba mwerekanye ko mwashoboye kwigira uko bikwiye.

Natwe twiyemeje kuzakomeza kubaba hafi dufatanyije n'inzego zibishinzwe, tubafasha kwifasha no kwigira, tukaba tubifurije kuba intwararumuri ku musozi wa Kanembwe.

Ibi bikorwa by'uyu muni Umuryango wa Unity Club wabigezeho ku bufatanye bw'abantu batandukanye :

Hari abateye inkunga Unity Club ikabasha kubaka ariya mazu, barimo ibigo by'ubucuruzi n'inganda, ibigo bya Leta n'abandi bantu ku giti cyabo;

Hari abadufashije muri iyi gahunda yo kurerera abana mu miryango: UNICEF, USAID, Kiliziya Gatolika na Orphelinat Noel de Nyundo, Hope and Homes for Children, Global Communities n'abandi bose babigizemo uruhare.

Hari n'abadufashije gutegura Noheli y'Abana yahuje abahagarariye Uturere twose tw'Intara y'Iburengerazuba.

Nagirango mbasabe dufatanye kubashimira. Muzahorane uwo mutima wa kimuntu.

Nsoje nifuriza mwe mwese muteraniye hano, by'umwihariko abana bacu ndetse n'Abana bose mu gihugu, Noheli nziza n'Umwaka Mushya Muhire wa 2014. Uzatubere umwaka w'urukundo mu miryango, abana bose babone imiryango ibarera kandi ibafasha gutegura ejo hazaza habereye umwana w'Umunyarwanda.

Murakoze,

Mugire amahoro y'Imana.